**URWEGO RW'URWANDA RUSHINZWE IGORORA**

**ISHAMI RISHINZWE ABAKOZI**
**PO BOX 6516 KIGALI**

## ITANGAZO KU BIFUZA KUBA ABAKOZI B'UMWUGA B'URWEGO RW'U RWANDA RUSHINZWE IGORORA KU RWEGO RW'ABAKOZI BATO

1. Ubuyobozi bw'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora (RCS) buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kuba abakozi b'umwuga b'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora bari mu cyiciro cy'abakozi bato ko kwiyandikisha bizatangira tariki ya **07 Werurwe** kugeza kuya **13 Werurwe 2025 kuva saa 08h00-17h00.**
2. **Inyandiko yuzuzwa n'abiyandikisha iboneka** ku rubuga rw'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora www.rcs.gov.rw, **izomekwaho fotokopi y'indangamuntu, impamyabushobozi by'uwiyandikisha n'ifoto ngufi ebyiri (photo passport).**
3. Inyandiko z'abasaba zujujwe neza zizagezwa ku Biro bikuru bya RCS biherereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kanombe ku muhanda wa Kabeza – Rubirizi, cyangwa zikagezwa ku magororero ya hafi. Inyandiko zishobora kandi kunyuzwa kuri email ikurikira: comm.training@rcs.gov.rw.
4. Abiyandikisha basabwa kuba bujuje ibikurikira:

   a. Kuba ari Umunyarwanda.
   b. Kuba afite ubushake bwo kuba Umukozi w'Umwuga wa RCS.
   c. Kuba ari ingaragu afite imyaka **y'amavuko kuva kuri 18 kugeza kuri 25**.
   d. Kuba afite ubuzima buzira umuze,byemejwe na muganga wemewe na Leta.
   e. Kuba afite indangamuntu y'umwimerere.
   f. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (**A2)**.
   g. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko.
   h. Kuba adakurikiranweho icyaha.
   i. Kuba atarirukanwe burundu mu kazi ko mu butegetsi bwite bwa Leta.
   j. Kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta.
   k. Kuba ari inyangamugayo.
   l. Ku bari basanzwe mu kazi mu bindi bigo, barasabwa kuzana icyemezo cy'umukoresha wa nyuma.
   m. Kuba yiteguye gukorera aho ari ho hose mu nshingano za RCS.
   n. Kuba yiteguye gukora no gutsinda amahugurwa y'Ibanze y'abakozi b'umwuga ku rwego rw'abakozi bato.

5. Abemerewe gukora amahugurwa ni abazatsinda ikizamini cy'ijonjora cy'abategurirwa gukora amahugurwa yagenewe abifuza kuba abakozi bato.

6. Ibyangombwa bazitwaza mu gihe cyo gukorwa ibizamini:
   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cy'amashuri yize kiriho umukono wa noteri.
   c. Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire byemejwe n'Umuyobozi w'umurenge atuyemo.
   d. Icyemezo cyo kuba atarakatiwe n'inkiko.
   e. Icyemezo cyo kwa muganga cyemejwe na muganga wemewe wa Leta.

**Icyitonderwa:**

- Uwiyandikishije akora ikizamini ishuro imwe gusa.
- Abazaba batabashije kwiyandikisha bemerewe kuzajya ahazakorerwa ikizamini bitwaje Ibyangombwa byuzuye byavuzwe mu gika 4 n'icya 6.
- Abazaba biyandikishije bujuje ibisabwa bemerewe kuzakorera aho ari ho hose hazakorerwa ibizamini.

7. Ibizamini by'ijonjora bizakorwa kuva tariki ya **14-15/03/2025** kuva saa mbili za mu gitondo ahakurikira:

- Mu Ntara y'Iburasirazuba, abiyandikishije ku Igororero rya Rwamagana, Ngoma na Nyagatare bazakorera ku Ishuri rya RCS iRwamagana kuwa **14 Werurwe 2025.**
- Mu Ntara y'Amajyaruguru,abiyandikishije ku Igororero rya Gicumbi na Musanze na Rubavu bazakorera kuri sitade Ubworoherane kuwa **14 Werurwe 2025.**
- Mu Ntara y'uburengerazuba, abiyandikishije ku Igororero rya Rusizi na Nyamasheke bazakorera kuri sitade ya Rusizi kuwa **14 Werurwe 2025.**
- Mu Ntara y'amajyepfo, abiyandikishije ku Igororero rya Nyamagabe, Huye, Nyanza na Muhanga bazakorerwa ku Igororero rya Huye kuwa 14 **Werurwe 2025.**
- Mu mujyi wa Kigali, abiyandikishije ku cyicaro Gikuru cya RCS, Igororero rya Nyarugenge na Bugesera bazakorera ku cyicaro Gikuru cya RCS **kuwa 15 Werurwe 2025.**

8. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni nimero: 0737627676, 0737626256 na 0737626200 cyangwa mukareba kuri website ya RCS **(www.rcs.gov.rw).**

**A RWAGASORE 'pcsc'(ZW)**
**SP**
**Umuyobozi w'agateganyo Ushinzwe Abakozi**